MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA

No 113 Ukuboza 2015



## INDOREREZI Z'IHURIRO MU ITORA RYA REFERENDUMU ZASABWE KUBAHIRIZA AMATEGEKO





*Prezida wa Komisiyo Bwana KALISA MBANDA aganira n'Indorerezi*

Ku butumire bwa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki ryateganije indorerezi ijana (100), zituruka mu Mitwe ya Politiki icumi (10) irigize zoherejwe mu Turere twose tw'Igihugu, gukurikirana ibikorwa by'itora rya Referendumu ryo ku wa 18/12/ 2015.

Mu nama yahuje indorerezi n'abayobozi ba Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, Perezida w'iyi Komisiyo yabwiye indorerezi ko igikorwa cyo gukurikirana uko itora rigenda ari igikorwa cy'ingenzi kuko bigaragaza ko itora riba ryakozwe mu mucyo no mu bwisanzure hubahirizwa amategeko, bikarihesha kurushaho kwizerwa.

Avuga ariko ko by'umwihariko, igikorwa cyo kugira indorerezi mu itora, gifasha kutirara ngo abayobora itora babe bakora ibinyuranyije n'amategeko n'amabwiriza bigenga itora, kikanatuma abatora n'abandi bireba barushaho kugira icyizere cy'uko imirimo y'itora ikorwa nta kubogama kandi hubahirizwa amategeko. Yongeye ho ko bi bishoboka indorerezi nazo ubwazo zigize imyitwarire ikwiyekugira ngo nazo ubwazo zigirirwe ikizere mu gihe zitangaza ibyo zabonye muri iryo tora.

Yasabye izi ndorerezi kubahiriza amategeko n'amabwiriza bgenga amatora kandi ko bagomba kwitwaza aho bajya hose ibyangombwa bibahesha gukurikirana nta nkomyi imigendekere y'amatora, abibutsa ko n'ubwo ziba zoherejwe n'imiryango inyuranye, mu gihe zitwaye nabi zishobora kuryozwa ubwazo ibikorwa zakoze mu gihe bitubahirije amategeko.

Nyuma y'iyi nama ya Komisiyo n'indorerezi zose, hakuriiyeho inama yahuje Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Ihuriro n'indorerezi z'Ihuriro. Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro, mu kiganiro yatanze yagarutse ku mabwiriza agenga indorerezi z'Ihuriro, imyitwarire ikwiye kuziranga n'inshingano zazo mu itora rya Referendumu. Muri iyo nama kandi hemejwe inyandiko zizakoreshwa mu gihe cy'ubutumwa, cyane cyane ifishi ikusanyirizwaho amakuru kuri site.

Mu butumwa zahawe, Indorerezi z'Ihuriro zasabwe Kureba neza uko igikorwa cy'imyiteguro kuri za "sites" z'Itora (uko site z'itora ziteguye n'ibikoresho bikenewe); Kureba uko Itora ryitabirwa; Kureba imigendekere y'Itora rya Referendumu nyirizina; Kureba imigendekere y'ibarura ry'amajwi n'uburyo ibyavuye mu Itora byakiriwe n'abaturage no Kureba uburyo umutekano n'ituze byubahirizwa muri rusange.



Umunyamabanga Nshingwabikorwa yabwiye izo ndorerezi z'Ihuriro ko mu byangombwa ziziztwaza kugira ngo zishobore kuzuza inshingano zazo uko bikwiye harimo Icyemezo cyo kuba indorerezi (*accreditation letter*) na ''badge'' byatanzwe na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora; Icyemezo cy'ubutumwa *(travel clearance)* cyatanzwe n'Ihuriro; Amabwiriza No 04/2015 yo ku wa 10/12/2015 ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora agenga Itora rya Referendumu; Amabwiriza yihariye agena ibigomba kwitabwaho n'indorerezi z'Ihuriro mu Itora rya Referendumu yo ku wa 17-18/12/2015; Urutonde rwa site z'itora ziri muri buri Karere; Amatsinda y'indorerezi z'Ihuriro n'Uturere bazakoreramo; Ifishi ikoreshwa mu gukusanya amakuru abonetse kuri site n'Imodoka kuri buri tsinda ry'indorerezi abizeza ko Ihuriro rizakomeza gukurikiranira hadfi imigendekere y'iri tora bakorana bya hafi n'izi ndorerezi.

## ITORA RYA REFERENDUMU RYAKOZWE MU ITUZE N'UMUTEKANO

Ibi ni ibyavuzwe n'abayobozi b'amatsinda y'indorerezi z'Ihuriro zakurikiranye itora rya referendumu ryo kuwa 18.12.2015 mu nama yazihuje kuwa 19.12.2015 ku Biro by'Ihuriro ku Kacyiru.

Mu kugaragaza muri make imigendekere y'iri tora, abayobozi b'amatsinda bavuze ko Indorerezi z'Ihuriro zagiye mu butumwa zifite amabwiriza y'Ihuriro yanditse asobanura neza aho ubutumwa buzakorerwa. Zivuga ko zageze mu Turere twose tw'Igihugu zigasura Imirenge igera kuri magana abiri na mirongo itanu n'ine (254), birenga 61% by'Imirenge igize Igihugu.

Nk'uko kandi byari mu butumwa indorerezi zavuze ko Tariki ya 17 Ukuboza 2015, zakurikiranye imyiteguro y'itora rya Referendumu mu Turere twose tw'Igihugu, aho zagombaga kureba niba Site y'ahabera itora ziteguye neza n'isuku mu byumba by'itora ihagije, zigomba kureba niba ibyapa biyobora abantu ahabera itora bihari, kureba niba ubwihugiko bwubatse neza ku buryo bufasha abantu gutora mu ibanga, no kureba niba ibikoresho n'ibyangombwa by'itora byageze kuri site y'itora ku gihe. Ikindi zagombaga kureba ni uburyo abaturage basobanukiwe n'amatora n'uko biteguye kuyitabira. Aha bavuga ko bashimye imyiteguro muri rusange ari iyakozwe na Komisiyo y'Igihugu y'amatora ari n'iyakozwe n'ubuyobozi bw'inzego z'ibanze

Aba bayobozi b'amatsinda bavuze ko ku munsi w'Itora rya Referendumu ryabaye tariki ya 18/12/2015, Indorerezi z'Ihuriro zakurikiranye amatora mu Turere twose tw'Igihugu; zishobora gukurikirana uko igikorwa cy'amatora gitangizwa kuri site z'itora zagezeho. Indorerezi z'Ihuriro zashimye uburyo abakorerabushake ba Komisiyo y'Igihugu y'amatora bari basobanukiwe n'inshingano zabo ndetse bakiranaga urugwiro abaje gutora, ndetse bababafasha kumenya site n'ibyumba bagomba gutoreramo. Bavuze ko kuri site nyinshi z'itora, mu byumba no mu bwihugiko hari isuku ndetse n'imitako. Ahenshi ubwihugiko bwari bwubatse neza ku buryo abaturage batoye mu ibanga.

Bashimye uko nyuma y'ibarura ry'amajwi uko yahise atangazwa ku mugaragaro kuri site z'itora. Bashima kandi uko ihuzwa ryayo ku rwego rw'Akarere ryakozwe

Mu bintu bidasanzwe izi ndorerezi zabonye muri iki gikorwa cy'itora n'uko mu Karere ka Nyamagabe, Umurenge wa Kitabi, Akagari ka Kagano, Umudugudu wa Bumenyi, Site ya GS KITABI yagize akarusho ko guhemba abitwaye neza mu matora. Bavuze ko iyi site yahembye umukecuru MUKANDEKEZI Seraphine iradiyo kuko ariwe wahize abandi mu kuzinduka, yageze kuri site sa saba z'ijoro, ndetse bahemba inka Akagari kahize utundi mu kugira ubwitabire bw'abaturage batoye ku kigero gishimishije.

Ikindi kidasanzwe bavuze ni uko mu Karere ka Kayonza/Umurenge wa Rukara/Akagari ka Rukara/site ya EP. Rukara Catholique, mu byumba by'itora hari hateguwe ubuririri bushashe neza bwari buteganyirijwe umuntu waza gutora afite intege nke cyangwa arwaye agakenera kuruhuka.

Muri iyo nama Indorerezi z'Ihuriro zihamije ko itora rya Referendumu ryabaye ku itariki ya 18 Ukuboza 2015 ryagenze neza mu Gihugu hose, haba mu kuritegura, haba no mu gihe cy'itora nyirizina. Bavuze ko mu bigaragara ko bikwiye kunozwa mu matora ataha ari bike ugereranyije n'ibyasabwaga kunozwa mu matora ashize Ihuriro ryakurikiranye; ibi bikaba bigaragaza intambwe ishimishije cyane Komisiyo y'Igihugu y'Amatora imaze kugeraho mu gutegura no kuyobora amatora mu Rwanda.

---

## ITANGAZO RIGENEWE IBITANGAZAMAKURU

### ITANGAZO RY'IHURIRO RY'IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKI KU ITORA RYA REFERENDUMU RYO KUWA 18 UKUBOZA 2015

Ku butumire bwa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki ryohereje mu Turere twose tw'Igihugu, Indorerezi ijana (100) zituruka mu Mitwe ya Politiki cumi n'umwe (11) irigize, kugira ngo zikurikirane ibikorwa by'imyiteguro n'itora nyir'izina rya Referendumu ryo kuwa 18 ukuboza 2015.

Ubutumwa bwihariye bwahawe indorerezi z'Ihuriro ni ubu bukurikira:

- Kureba uko igikorwa cy'imyiteguro kuri za "sites" z'itora gikorwa;
- Kureba uko Itora ryitabiriwe ;
- Kureba uburyo Itora rya Referendumu nyir'izina ryakozwe ;
- Kureba uburyo ibyavuye mu Itora byakiriwe n'abaturage;
- Kureba uburyo umutekano n'ituze byubahirijwe muri rusange.

Kuwa 17 Ukuboza 2015, Indorerezi z'Ihuriro zakurikiranye ibikorwa by'imyiteguro y'itora naho kuwa 18 Ukuboza 2015, zakurikiranye ibikorwa by'itora nyir'izina mu Gihugu hose.

1. **IMYITEGURO Y'ITORA RYA REFERENDUMU**

Ku byerekeye imyiteguro y'Itora, Indorerezi z'Ihuriro zashimye uburyo itora rya Referendumu ryateguwe, ahabereye itora hari hateguye neza ndetse hari n'ibirango byerekana aho igikorwa giteganyijwe kubera. By'umwihariko, igihe cy'itora, ibyumba by'itora n'ubwihugiko byari bitatse ku buryo bushimishije kandi bifite isuku.

Muri rusange, ibikoresho byose bya ngombwa by'itora byagereye ku gihe ku biro by'itora kandi byari mu mwanya wabyo mbere yo gutangiza igikorwa cy'itora.

2. **ITORA NYIR'IZINA**

Ku birebana n'Itora rya Referendumu ryo ku itariki ya 18/12/2015, indorerezi z'Ihuriro zashimye uburyo amatora yatangiriye igihe, abantu batoye mu bwisanzure no mu mutekano, ndetse n'ubwitabire bwari bushimishije. Ikindi cyagaragaye ni uko abakorerabushake ba Komisiyo y'Igihugu y'Amatora bagaragaje umurava n'ubwitange mu migendekere myiza y'igikorwa cy'itora.

Kuri site zimwe na zimwe zasuwe, hagaragaye Abanyarwanda bake batashoboye gutora ku mpamvu zijyanye ahanini no kutagira ibyangombwa byose bisabwa. Icyakora, Komisiyo yaje gutanga amabwiriza acyemura icyo kibazo nyuma y'amasaha make itora ritangiye.

Isaha ya saa cyenda (15h00) yo kurangiza igikorwa cy'itora no gutangira ibarura ry'amajwi yarubahirijwe.

**3. IBARURA RY'AMAJWI**

Ibarura ry'amajwi muri buri biro by'itora ryabaye ku mugaragaro. Nyuma y'igikorwa cyo kubarura amajwi, abakorerabushake ba Komisiyo y'Igihugu y'Amatora bamenyeshaga abari aho imibare ya nyuma babonye mu cyumba barimo.

Abanyarwanda hirya no hino mu Gihugu bakiriye neza ibyavuye mu itora rya Referendumu 2015, ibi bikaba byerekana intera u Rwanda rumaze kugeraho muri politiki n'umuco wa demokarasi n'ubushake bw'Abanyarwanda mu kwihitiramo ahazaza h'u Rwanda.

Ihuriro rirashima ubwitabire bw'Abanyarwanda mu itora rya Referendumu n'uburyo ibikorwa by'imyiteguro byakozwe neza haba mu kuranga aho site y'itora iherereye, haba no kwakira neza abagana site kuko hari ahenshi hashyizweho itsinda rishinzwe kwakira abashyitsi no kubasobanurira mu buryo bwa gihanga ibibazo byose bibajijwe.

Ihuriro rirashima kandi Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, Inzego z'Ubuyobozi bw'Igihugu n'Inzego z'Umutekano kubera ituze ryaranze itora rya Referendumu ryo ku itariki ya 18 Ukuboza 2015.

Bikorewe i Kigali kuwa 19 Ukuboza 2015.

**BURASANZWE Oswald**
**Umunyamabanga Nshingwabikorwa**